# POLISI Y'U RWANDA: Imyaka 19 y'ubufatanye mu mutekano

***"Imyaka 19 Polisi y'u Rwanda imaze ikorera abaturage ntiyabaye imfabusa, ubu dufite Igihugu kiza kandi gitekanye, ibi byose biva ku bufatanye n'abaturage n'izindi nzego za Leta n'iz'abikorera."***



**Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta aganiriza abaturage ba Cyumba, Akarere ka Gicumbi**

Tariki ya 17 Kanama 2019, Polisi y'u Rwanda (RNP) yasoje Ukwezi kwahariwe ibikorwa bya Polisi kwa 2019 ku nsanganyamatsiko igira iti : **"Imyaka 19 y'ubufatanye mu bikorwa byo kubungabunga umutekano no guteza imbere imibereho myiza y'abaturage."**

Ibikorwa by'iterambere byagezweho mu gihe cy'ukwezi byibanze ku gufasha imiryango, gushyigikira uruhare rw'abaturage mu bikorwa byo kwicungira umutekano ndetse n'ubukangurambaga ku byaha bigira ingaruka ku buzima bwabo.

Uku kwezi ngarukamwaka gushimangira gahunda y'iterambere ry'Igihugu n'ubufatanye hagati ya Polisi y'u Rwanda n'abaturage mu kugaragaza ibyaha, kubirwanya no kubikumira.

Ibyakozwe guhera tariki 14 Nyakanga 2019 birimo inzu 30 zubakiwe abatishoboye (imwe muri buri karere), n'ibiro by'imidugudu 6 itaragaragayemo ibyaha ndetse inyubako zose zashyizwemo amashanyarazi akomoka ku mirasire y'izuba.

Polisi y'u Rwanda kandi yahaye ingo 3,000 amashanyarazi akomoka ku mirasire y'izuba, yishyurira ubwisungane mu kwivuza bw'umwaka wa 2019/2020 indi miryango 3,000 n'abapolisi barenga 1,000 batabara imbabare bafashisha amaraso.

Umuhango wo gusoza Ukwezi kwahariwe ibikorwa bya Polisi waranzwe no gushyikiriza imiryango itishoboye inzu 30 zuzuye mu gihugu hose.



**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu Prof. Anastase Shyaka ashyikiriza Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kimironko Mapambano Nyiridandi imfunguzo z'imodoka begukanye ku bwo kwimakaza isuku n'umutekano**

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta Johnston Busingye, ubwo yashyikirizaga inzu umugenerwabikorwa wo mu Karere ka Gicumbi, yagize ati: "Imyaka 19 Polisi y'u Rwanda imaze ikorera abaturage ntiyabaye imfabusa, ubu dufite Igihugu kiza kandi gitekanye, ibi byose biva ku bufatanye n'abaturage n'izindi nzego za Leta n'iz'abikorera."

Yakomeje avuga ko ubu bufatanye bw'inzego zose n'abaturage bushingiye ku miyoborere myiza igamije kuzamura imibereho myiza y'Abanyarwanda. Yongeyeho ko umutekano ari inkingi ya mwamba y'iterambere ry'Igihugu n'imibereho myiza y'abaturage.

Umuyobozi wa Polisi y'u Rwanda IGP Dan Munyuza, na we yagize ati: "Ubufatanye buhamye bwa Polisi n'abaturage ni intandaro yo kubona imidugudu itarangwamo ibyaha, umutekano n'amahoro Igihugu kishimira uyu munsi. Turashimangira iyi mikoranire ngo imiryango yacu irusheho kubaho neza."

Yakomeje agira ati: "Gucunga umutekano ni igikorwa cyagutse, kuba umukene bisobanuye kubaho udatekanye. Polisi ishyira imbaraga mu mutekano w'abantu ikanashyigikira gahunda z'iterambere ry'Igihugu binyuze mu guhindura imibereho y'Abanyarwanda no gukemura n'ibindi bibazo byakurura ibyaha n'umutekano muke."

IGP Munyuza yagarutse no ku ruhare rw'abaturage mu kurwanya ibiyobyabwenge, kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irikorerwa abana, ruswa, inda ziterwa abangavu, icuruzwa ry'abantu n'ibindi.



**Umuyobozi Mukuru wa Polisi y'u Rwanda IGP Dan Munyuza aganiriza abaturage ba Cyumba mu Karere ka Gicumbi**

## ITANGIZWA RY'UKWEZI KWAHARIWE IBIKORWA BYA POLISI

Itangizwa ku mugaragaro ryabereye icyarimwe mu bice bitandukanye by'Igihugu riyobowe n'abaminisitiri, abayobozi bakuru b'inzego za Leta, n'ubuyobozi bwa Polisi y'Igihugu. Uyu muhango waranzwe no gutangiza iyubakwa ry'ibiro by'imidugudu n'amacumbi y'abatishoboye no kuzigezaho amashanyarazi akomoka ku mirasire y'izuba.

Minisitiri w'Urubyiruko Rosemary Mbabazi wayoboye uwo muhango mu Mujyi wa Kigali, yabwiye abaturage bo mu Murenge wa Mageragere mu Karere ka Nyarugenge ko ubufatanye bwa Polisi n'abaturage bwatanze umusaruro ufatika ku iterambere ry'Igihugu.

Yagize ati: "Twabonye impinduka nyinshi mu myaka 19 y'ubufatanye mu gucunga umutekano no mu bikorwa bya Polisi, zirimo ko ibyaha byagabanyutse, imibereho myiza n'iterambere ry'abaturage byariyongereye."

Minisitiri Mbabazi yashimangiye ko Polisi itakora yonyine, ahubwo buri Munyarwanda afite inshingano zo gutanga amakuru ku bakora ibyaha.

Ati: "Icyaha cyo gucuruza ibiyobyabwenge n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina bikorerwa aho mutuye, ntimugaceceke, muge mutanga amakuru ku bantu nkabo kandi muharanire ko imidugudu yanyu itarangwamo ibyaha."

Mu Ntara y'Iburasirazuba, ibikorwa by'uku kwezi byatangirijwe i Gafunzo mu Murenge wa Sake, Akarere ka Ngoma na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo Fanfan Rwanyindo.

Minisitiri Rwanyindo yasabye abaturage bo muri Ngoma "gutinya no kurwanya ibyaha." Ati: "Umusingi w'imibereho myiza yanyu ni umutekano, kandi buri wese agomba kuwugiramo uruhare."

Mu Ntara y'Amajyaruguru, Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuzima ushinzwe ubuzima rusange n'ubuvuzi bw'ibanze Dr. Patrick Ndimubanzi, ubwo yaganirizaga abaturage bo mu Murenge wa Cyanika, akarere ka Burera, yasabye urubyiruko kwirinda gukwirakwiza no kunywa ibiyobyabwenge, bagahuza imbaraga mu gusenya umurunga w'ababicuruza.

Mu Ntara y'Iburengerazuba, Guverineri Munyantwali Alphonse yatangarije abaturage b'akarere ka Nyamasheke mu Murenge wa Cyato ko "imyaka 19 y'ubufatanye bwa Polisi n'abaturage itapfuye ubusa." Ati: "Uyu munsi turishimira umutekano dufite mu gihugu, ni yo mpamvu inzego z'umutekano ziyemeza no kugira uruhare mu bikorwa biteza imbere umuryango nyarwanda."

Mu Ntara y'Amajyepfo, Guverineri Emmanuel K. Gasana yabwiye abatuye mu Murenge wa Ngera, Akarere ka Nyaruguru, ko ibikorwa Polisi yegereje abaturage ari umusaruro w'imiyoborere myiza aho inzego zose zifatanyiriza guteza imbere imibereho myiza y'Abanyarwanda.

Yakomeje asaba abaturage gusigasira ibyagezweho bakorana neza na Polisi n'izindi nzego z'umutekano mu gushyashya ibyaha, binyuze mu guhanahana amakuru ku gihe.

## ICYUMWERU CYA MBERE: Ubukangurambaga bwo kurwanya ibiyobyabwenge

Icyumweru cya mbere kibanze ku bukangurambaga bwo kurwanya ibiyobyabwenge, nka kimwe mu bibangamira umutekano n'iterambere ry'urubyiruko mu gihugu. Iki cyumweru cyaranzwe no kumena ibiyobyabwenge byafashwe mu mikwabu ya Polisi yakozwe ahatandukanye mu gihugu, inama zigaruka ku bubi bw'ibiyobyabwenge zahuje urubyiruko n'abaturage, ubukangurambaga ku itegeko rihana ababicuruza n'ababinywa, kwigisha abashoferi batwara abantu n'ibintu uruhare rwabo mu gusenya umuyoboro w'ibiyobyabwenge.

Hanakozwe n'urugendo rwo kurwanya ibiyobyabwenge ku baturiye umupaka wa La Corniche mu Karere ka Rubavu, uwo mu Karere ka Rusizi, uwa Cyanika mu Karere ka Burera, uwa Rusumo mu Karere ka Kirehe n'uwa Matimba mu Karere ka Nyagatare.

Uturere twakozwemo ingendo duhuje kuba twinjiriramo ibiyobyabwenge biturutse mu bihugu by'abaturanyi aho ubucuruzi bwabyo bwafashe indi ntera.

Muri icyo cyumweru hafashwe ibiro 1600 n'udupfunyika 8,324 by'urumogi, amapaki 34157 y'inzoga zitemewe nka Chief Waragi na Suzi, litiro 241,000



**Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo Rwanyindo Fanfan na DIGP Juvenal Marizamunda batangiza ibikorwa by'Ukwezi kwahariwe Ibikorwa bya Polisi**



**Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuzima Dr Patrick Ndimubanzi na Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru Jean Marie Vianney Gatabazi batangiza ukwezi kw'ibikorwa bya Polisi mu Ntara y'Amajyaruguru**

# no guteza imbere imibereho myiza y'abaturage



Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta Johnston Busingye, ashyikiriza inzu umwe mu bagenerwabikorwa mu Murenge wa Mutete, Akarere ka Gicumbi

z'inzoga z'inkorano mu mikwabu yakozwe mu gihugu hose.

**ICYUMWERU CYA KABIRI: Kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'inda ziterwa abangavu**

Icyumweru cya kabiri kibanze ku bukangurambaga bwo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'inda ziterwa abana aho Polisi y'u Rwanda n'abafatanyabikorwa bayo mu butabera, mu buzima ndetse n'inzego z'ubuyobozi batanze ubujyanama n'ubuvuzi ku bangavu batewe inda ndetse n'abakorewe ihohoterwa mu mavuriro yihariye mu gihugu.

Abangavu bagera kuri 230 babyaye bashishikarijwe kwandikisha abana babo ndetse ku bufatanye n'abafatanyabikorwa ba Polisi mu butabera, hakiriwe ibirego by'abakekwaho ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'iryakorewe abana.

**ICYUMWERU CYA GATATU: Kubungabunga ibidukikije**

Icyumweru cya gatatu kibanze ku kubungabunga ibidukikije, kwirinda ibyanduza umutungo kamere ndetse n'ubukangurambaga bugamije gufasha rubanda guhindura imyumvire ku bijyanye no kubungabunga ibidukikije.

Na none hibanzwe ku gupima imyotsi isohorwa n'imodoka no gutanga ubutumwa bujyanye no kurwanya abanduza ibidukikije. Abatuye mu manegeka no mu bishanga na bo basobanuriwe ububi bwabyo, banasabwa kwimukira ahantu hatekanye kurushaho, ari na ko hasobanurwa amategeko n'ingamba byashyiriweho kurengera ibidukikije.

Hakozwe umukwabu wo guca amasashi mu gihugu hose, cyane cyane mu migi, santeri z'ubucuruzi no ku mipaka, hafatwa ibihumbi by'amapaki yayo bamwe mu bayacuruzaga n'abayapfunyikiragamo abakiriya bagirwa inama yo kutazongera kuyakoresha.

Nk'uko bitangazwa n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku buzima (WHO), kutabona umwuka uhagije ni kimwe mu bibangamiye ubuzima n'ibidukikije. Iri shami ritangaza ko uyu munsi 90% by'abaturage bahumeka umwuka wanduye kandi ku Isi abagera kuri miliyoni 7 bicwa no guhumeka umwuka mubi buri mwaka.

Ibyotsi biva mu modoka biza mu byanduza umwuka abantu bahumeka ku rwego rwo hejuru, aho ubwikorezi buri ku isonga mu gukwiza imyuka ihumanya ikanatera ihindagurika ry'ibihe.

Mu guhangana n'icyo kibazo, hashyizweho serivisi yo gupima uko imodoka zisohora ibyotsi.

**UBUKANGURAMBAGA BW'UMUTEKANO N'ISUKU**

Icyumweru cyahariwe kubungabunga ibidukikije cyarangiye hanasozwa ikiciro cya 8 cy'ubufatanye bwa Polisi n'Umujyi wa Kigali mu bukangurambaga bw'Umutekano n'Isuku bugamije kwimakaza umugi utekanye, usukuye kandi utangiza ibidukikije.

Mu gusoza ubwo bukangurambaga bwamaze amezi atandatu, Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu Prof. Anastase Shyaka, yavuze ko bwatanze umusaruro ufatika mu bijyanye n'umutekano n'isuku mu mugi, asaba ko bwakorwa no mu bindi bice by'Igihugu.

Yagize ati: "Insanganyamatsiko ivuga ngo Guharanira ko Kigali ihora isukuye, ikeye kandi itekanye, ni ubukangurambaga bukwiye kwagurwa bukaba 'u Rwanda ruhora rusukuye, rukeye, kandi rutekanye, tuzabashyigikira."

Yakomeje avuga ko ubu bufatanye bwagize uruhare rukomeye mu guhindura Kigali umwe mu migi isukuye kandi itekanye ku Isi.

Yashimye uruhare rw'abatuye mu mugi n'inzego z'ibanze muri ubwo bukangurambaga, asaba inzego zikiri inyuma kwigira ku bandi kugira ngo zigere ku rwego rukenewe mu mutekano n'iterambere.

Ubukangurambaga ku mutekano n'isuku ndetse n'amarushanwa ajyana na bwo, byakwijwe mu nzego z'ibanze zose mu gihugu.

**Abakoze neza barahembwe**

Umurenge wa Kimironko wahize indi mirenge y'Umujyi wa Kigali uhabwa igikombe, ikemezo cy'ishimwe ndetse n'imodoka yo mu bwoko bwa Mahindra. Umurenge wa Muhima, Nyarugenge, Remera na Kacyiru yaje muri itanu ya mbere muri icyo kiciro cya 8 cy'ubukangurambaga ku mutekano n'isuku.



Minisitiri w'Urubyiruko Rosemary Mbabazi ari kumwe na IGP Dan Munyuza (iburyo), mu muhango wo gutangiza ukwezi kwahariwe ibikorwa bya Polisi mu Mujyi wa Kigali



Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba Alphonse Munyantwali, na DIGP Felix Namuhoranye batangiza Ukwezi kwahariwe ibikorwa bya Polisi mu Karere ka Nyamasheke



Abapolisi barenga 1000 batanze amaraso muri uku kwezi



ACP Celestin Twahirwa ashyikiriza abayobozi b'inzego z'ibanze mu Karere ka Bugesera, sheki y'amafaranga yishyuriye Mituweli abantu 1000 mu Murenge wa Rweru

**ICYUMWERU CYA KANE: Umutekano wo mu muhanda**

Icyumweru cya kane cyaranzwe n'ubukangurambaga ku mutekano wo mu muhanda. Polisi n'abafatanyabikorwa batandukanye bigishije banakora ubukangurambaga ku buryo bwiza bwo gukoresha neza umuhanda mu byiciro bitandukanye by'abagenzi mu kugabanya imfu ziterwa n'impanuka.

Higishijwe amatsinda y'abamotari, abashoferi batwara imodoka ntoya zitwara abagenzi, abatwara amakamyo, abakorera kompanyi zitwara abagenzi ndetse n'abanyamaguru barimo n'abanyeshuri. Icyumweru cya kane na cyo cyahuriranye n'ubukangurambaga bw'ibyumweru 52 bwiswe "Gerayo Amahoro" bwatangijwe muri Gicurasi uyu mwaka, bugamije guhindura imyumvire mu gukurikiza amategeko y'umuhanda, cyane ko impanuka nyinshi ziterwa n'imyitwarire idahwitse y'abagenzi mu muhanda.

**Ubufatanye bwa Polisi n'abaturage**

"Ubufatanye bwa Polisi n'abaturage (Community Policing)" ni igikorwa gishingiye ku bufatanye buhoraho bwa Polisi n'abaturage; kigizwe n'ibyiciro bihuza ubukangurambaga bwo gukumira ibyaha no kubirwanya. Ibi bifasha kunoza imibereho y'abaturage kuko bagira uruhare mu kwikemurira ibibazo byakabaye bibabuza umutekano cyangwa bikabagusha mu byaha.

Iyi gahunda yashyizweho na Polisi y'u Rwanda igendera ku mahame akurikira: ubutabera no kubahiriza uburenganzira bwa muntu, kubahiriza uburinganire, ubunyangamugayo, gukorera hamwe, ubusabane, kubahiriza inshigano, imibanire n'ubufatanye bw'abaturage, ubunyamwuga n'ubudakemwa.

Guhera mu mwaka wa 2000 ubwo yashingwaga, Polisi y'u Rwanda yagiye yagura uburyo bw'itumanaho bufasha guhanahana amakuru, burimo imbuga nkoranyambaga, ibitangazamakuru by'amajwi n'ibyandika, imirongo itishyurwa ihamagarwa n'abakeneye ubutabazi bwihuse, ishingwa ry'abakorerabushake mu kurwanya ibyaha barimo urubyiruko 260, 000, ba Ambasaderi mu kurwanya ibyaha, Community Policing Committees (CPCs) 150,000, n'amatsinda yo kurwanya ibyaha arenga 2,000 abarizwa mu mashuri, mu mashyirahamwe y'abatwara abagenzi, abanyamakuru, abahanzi, mu miryango y'ivugabutumwa ndetse no mu nzego za Leta n'iz'abikorera zasinyanye amasezerano na Polisi y'u Rwanda.

Polisi y'u Rwanda yizera idashidikanya ko uruhare rw'abaturage mu kubungabunga no gusigasira umutekano ari umusingi wo kubaka ubufatanye buhamye mu kurwanya ibyaha, no gushyigikira imiryango na gahunda z'iterambere rirambye.

Raporo zitandukanye zakozwe ku mutekano mu gihugu no ku rwego mpuzamahanga zigaragaza u Rwanda nka kimwe mu bihugu bitekanye cyane ku Isi, bikaba ari umusaruro w'ubwo bufatanye bwa Polisi n'abaturage, inzego za Leta n'iz'abikorera zirangajwe imbere n'ubuyobozi bufite ikerekezo.